MIHIGO Kizito
Chorale de Kigali
Cathédrale St Michel.
Tél :08479559
E-mail :organistecompositeur@yahoo.fr

Kigali kuwa 30 Mutarama 2003

Nyakubahwa Minisitiri w'
Urubyiruko,Siporo n'Umuco
**Kigali.**

**Impamvu :**Gusaba buruse

Nyakubahwa Minisitiri ;

Nshimishijwe no kubandikira iyi baruwa,maze kubyumvikanaho n'umubyeyi wange,ngira ngo mbasabe buruse, nshobore kuba nakwiga ibya Muzika bifatanye n'ubugeni bw'isesekazamuco, nibwira ko mfitiyte impano, nkurikije ibikeya maze kugeraho muri ubwo bumenyi.

Ubu ngeze mu mwaka wa kane w'indimi, ariko nkunda Muzika.Maze guhimba indirimbo zigera ku ijana na mirongo ine (140), zimwe zihimbaza Imana,izindi zitaka igihugu cyacu, izindi zikibanda ku muco.Natsinze amarushanwa menshi, arimo iry'indirimbo yubahiriza igihugu nagizemo umwanya wa gatatu.Zimwe mu ndirimbo nahimbye,zakunzwe n'abanyamahanga baminuje muri Muzika, bazigira izabo, ndetse bazicuranga mu byo bita Orchèstres philarmoniques.Muri zo twavuga nk'iyitwa « Yubire nziza » « Kiriziya ntagatifu », n'izindi nahimbye mu mwaka w'2000.Ibi byerekana ko n'abanyarwanda babonye uburyo bashobora kugera kure, ndetse bakarusha abazungu b'ibyamamare.

Nifuza kuba nacengera ubwo bugeni, maze nkazabuteza imbere iwacu aha mu rwego rw'ubumenyi, uburere n'umuco, kandi ndabizeza ko ayo masomo nayashobora rwose, cyane cyane ntagombye kubanza kurangiza amashuri yisumbuye y'inyigisho rusange, adaha umwanya na muto iyo ngeri y'ingenzi mu burere, mu bumenyi no mu muco, dore ko n'amashuri akomeye ya Muzika nk'iri ryanyanditse, atabisaba.

Nk'uko inyandiko yometse kuri iyi baruwa ibigaragaza, umuntu ashobora no kubitwarira rimwe n'andi masomo, uretse ko jyewe nahitamo biriya tudafitiye amashuri ino kandi numva nshoboye.

Ikindi ni uko abazi ririya shuri ryanyanditse mu banyeshuri baryo, basanga ridahenze, kuko rifite ibya ngombwa byose bya kijyambere bijyanye n'inyigisho za Muzika.Abarimu baryo nabo batangariye amanota y'indirimbo nahimbye.

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu,mbaye mbashimiye, Nyakubahwa Minisitiri, Nongera kubizeza umusanzu wange mu burere nyabugeni, mpereye ku rubyiruko.

Mugire amahoro y'Imana.

**MIHIGO Kizito.**